


**Ikinyarwanda III**

**011**

**31 Oct. 2007**

**14h00-17h00**

**INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE IBIZAMINI MU RWANDA**



**P.B. 3817 KIGALI-TEL/FAX : 586871**

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE  
CY'AMASHURI YISUMBUYE 2007**

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA III**

**URWEGO: ICYICIRO RUSANGE**

**IGIHE KIMARA: AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA**

**IKIZAMINI KIGIZWE N'IBICE BINE :**

Igice cya mbere : Kumva no gesesengura umwandiko. **(amanota 44)**

Igice cya kabiri : Ikibonezamvugo. **(amanota 34)**

Igice cya gatatu : Imyandikire y'ururimi. **(amanota 7)**

Igice cya kane : Ihimbamwandiko. **(amanota 15)**

Ubahiriza itonde ry'ibibazo.

Ibisubizo bigomba gufutuka, nta burondogozi.

Irinde gusiribanga n'icyitwa ikopera cyose.

Kirazira kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigamo.

## UMWANDIKO : IBYO KUNYWA

Umuntu ugize inyota ayimarwa n'icyo anyoye. Inyota y'igihe kirekire itera umwuma, ubwumagare bukabije busiga umuntu cyangwa inyamaswa ari igikanka. Ibimera na byo biruma burundu bikaba byatemwa bigacanwa. Twiyibutse ko ibinyobwa kandi bihuza abantu bagashyikirana, bagatarama, bihuza imiryango, bivugirwaho imisango, bikizihiza ibirori.

Nta kinyobwa kiruta amazi meza ayunguruye, atetse, afutse. Ayanduzwa n'amatungo ashotse, ayivurugutamo, n'abantu bayameseramo, bayiyuhagiriramo, bayatamo imyanda, ahinduka indiri y'indwara z'amoko anyuranye nk'impiswi, korera, amacinya, n'inzoka. Nyamara ngo » uwagumiwe n'amenyo ahagamwa n'amazi ». Amazi asukuye yongewememo umwuka (mu ruganda) na yo aryohera bamwe urugero ni Inyange na Huye .

Amata na yo afite umwanya wihariye kuko ari ikimenyabose bahamya ko ari ikiribwa cyuzuye, yubaka umubiri wacu akaturinda indwara nka bwaki mu bato. Amata n'amashereka birera umwana agakura nta nkomyi, akagira ubuzima bwiza. Abakunzi bayo batwarwa n'inshyushyu, umubanzi, amirire, ikivuguto, umwerera, amacunda n'umujago. Ayeera ahemba ababyeyi , arera abana, ahembura uwarembye, akamwoondora. Aracundwa akaavuurwa, akavamo amavuta barungisha. Bashobora kuyumutsa no kuyakamura akaribwa akomeye nka foromaji (cheese). Amata bayavanga n'umutobe w'imbutu akabyara yagurute ( yagourth) . Abasomera bararyohereza . Abanyenganda bakora amata y'ifu yongerwamo isukari n'amazi ashyushye akanyobwa. Aho abaye make, agobokwa n'amazi aka wa mugani ngo « amata make atera induru, amazi akayunganira »

Hari ibinyobwa tunywa bishyushye, bikadusana tugasusuruka. Abasirimu bamenyereye icyayi, ikawa, kokowa n'ibindi. Hari abikundira igikoma cy'amasaka, ibigori, soya, ingano cyangwa imyumbati. Abafite incuke bamaze kumenyera SOSOMA, uruvange rukusanya intungamubiri za soya, amasaka n'ibigori. Uretse isukari ibiryoshya, hari ubwo byongerwamo ibirungo n'ibihumuza. Hari n'abakunda inshyushyu ishyushye, igikamwa cyangwa ivuye ku mashyiga.

Icyayi ngo gikomoka mu Bushinwa, ariko ubu cyera cyane no mu Buhinde, Tayilandi (Thailand) na Sirilanka. Ku isi, ibihugu bisarura ikawa nyinshi ni Brazili, Kolumbiya muri Amerika y'Epfo, Kotedivuwari (Côte d'Ivoire ), Kenya, Uganda, Kameruni, Tanzania, u Burundi n'u Rwanda muri Afurika .

Hari ibinyobwa bidasindisha kandi biryoha, bigizwe n'imitobe yakamuwe mu mbuto zinyuranye nk'ibitoke, inanasi, ibinyomoro, amatunda (marakuja), amacunga, indimu, mandarini, inkeeri, imiyeembe amapomu... Umuhama n'umushongi wazo ufunguzwa amazi meza. Amadini abuzwa ibisindisha, agiira inama abayoboke bayo yo kwinywera agatobe, akadahiye katabagusha mu bishuko. Abanyarwanda barihoreye bati" umutobe utoba inzara". Gusa ngo ikibangamira abanywi ni uko ibyo binyasukari bihaazâ vuba.Tumenyereye n'imitobe ya kizungu itunganyirizwa mu nzengero za

kijyambere nka soda (Koka –kola, Fanta, Pepusikola). Amazi, amata n'imitobe bikonje byarogeye mu mijyi yacu .

Ubuki bw'inzuki buhakurwa mu mizinga na bwo bushobora kunyobwa bufunguye cyangwa bukiri umutsaâma. Babusiiga kandi ku migati, cyangwa bukavangwa n'ibindi binyobwa, iyo bihiye birakara. Kubera ko inzuki zitaarataara henshi nk'uko abavuûmvu babizi neza, ngo "uwavuga ay'inzuki, ubuki ntibwanyobwa" Buvangwa n'amavuta yisigwa, buvamo n'imiti ivura indwara zinyuranye.

Hari n'ibisindisha nk'amarwa, urwagwa, inturire, inkangaza, inzoga za kizungu z'ubwoko bwinshi. Uwasinze ashobora kubanza kumwenyura, gutwengatwenga, kugira ibinezaneza, hari abakurikizaho kurakara, gutongana, kurwana no kumenagura ibintu. Azinukwa ibiryo rimwe na rimwe, umusinzi zaritsemu asenya urwe, abuza amahoro abana n'uwo bashakanye, amunga umutungo akabangamira ubuzima bwa bagenzi be, ubw'abaturanyi n'ubwe bwite. Bavuga ko indwara zitari nke ziterwa n'ubusinzi nka kanseri y'umutima, indwara z'imitsi, ibisazi, inzara n'izindi tutibagiwe n'impanuka zo mu muhanda cyangwa z'akazi ziterwa no kunywa birenze urugero, zishobora kumugaza cyangwa guhitana abantu.

Abanyamwanda babanza gusongongera, baryoherwa, bagasoma babunda intama, byavaho bakagotomera bakaroha. Banywesha imiheha, uducuma, urukiza, ibirahure cyangwa amacupa. Ibisaabo n'intango byaterekwagamo ibinyobwa, ubu bishyirwa mu ngunguru n'ibidomoro rimwe na rimwe bifatwa nk'imivure mu bitariro. Kunywa Akagera, Rusaasâ, Rusizi na Rwicanzige ni uguhitanwa n'amazi y'iyi migezi n'ikiyaga. Abakera badusigiye imigani yerekana ibibi byazo tugomba kwirinda nko kwiwandagaza, kwisenyera, kubangamira umutekano wabandi no kwiyononera ubuzima. Imwe ni iyi ikurikira:

- Inzoga uyikura mu kabindi, ikagukura mu bagabo.
- Yoshya ubutwari, rwarema ikagutererana .
- Burya zishira abakunzi bâkiiza.
- Imara ubwoba ntimara ubworo.

## **IGICE CYA MBERE**

### **KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO.**

**N.B KWANDUKURA INTERURO ZAWO UKO ZAKABAYE BIFATWA NKO GUKOPERA.**

1. Rondora ubwoko 3 by'ibinyobwa biboneka muri uyu mwandiko (amanota 3)
2. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Kuki? (Inota 1)
3. Andika ibibi bine (4) bishobora guterwa n'ubusinzi no kurenza urugero mu kunywa ibisindisha. (amanota 2)
4. Sobanura iyi migani ibiri migufi dusanga muri uyu mwandiko:
  - a) " Umutobe utoba inzara (imirongo 2)
  - b) " Uwavuga ay'inzuki, ubuki ntibwanyobwa" (imirongo 2) (amanota 2)
5. Rondora ibinyobwa bitatu (3) dukunda kunywa bishyushye. Kuki bibiri tugurisha hanze bishobora gukabura ubwonko bwacu? (amanota 2,5)
6. Wagira inama abanyeshuri bagenzi bawe yo kunywa iki mbere y'amasomo? Kuki? (inota 1)
7. Erekanwa indwara ebyiri (2) ziterwa no gukoresha amazi mabi zavuzwe mu mwandiko. Wazirinda ute ? (amanota 1.5)
8. Tanga imimaro ine (4) y'amata ivugwa. (amanota 2)
9. Andika ibyiciro bibiri (2) by'abantu mu gihugu icyo ari cyo cyose babujijwe kwegera ibisindisha, werekane impamvu zabyo. (amanota 2)
10. Tanga urugero rw'imbuta ebyiri zera iwacu zivamo umutobe ushobora kugurishwa no mu mahanga. (inota 1)
11. Andika ibibazo bitatu (3) umwana ufite ababyeyi banywa cyane ashobora guhura na byo. (amanota 3)
12. Imigezi minini ibiri uvugwa mu mwandiko ni iyihe? Imariye iki u Rwanda ? (imimaro ibiri nibura) (amanota 3)

**13. Sobanura amagambo akurikira ari muri uyu mwandiko mu yawe bwite.**

- |                        |                              |                       |
|------------------------|------------------------------|-----------------------|
| a) kuroha (ikinyobwa ) | b) gufuungura (inyota2)      | c) imisaango          |
| d) umutsaâma           | e) umwûumâ                   | f) urukizâ            |
| g) guhâkura (umuzinga) | h) igikaânka                 | i) indiri (y'indwara) |
| j) umweereera          | k) urweengero ( rwa kizungu) | l) umuvuûmvu          |
| m) akadâhiyê           |                              |                       |

**14. Shaka imbusane z'aya magambo**

- a) kurûmaanga ≠..... (amanota 4)
- a) ikimenyabose ≠ .....
- c) kuyoboka ≠ .....
- d) gushyushya ≠.....

**15. Wifashishije umwandiko n'ubumenyi bwawe, uzurisha amagambo**

**ahuje inyito n'aya akurikira agusha ku mazi :** ( *urusaro, abagabo, amira, magari, urugamba, teke, urubogobogo, aboze, atetse* )

**(amanota 4)**

- a) Inyanja tuyita kandi amazi.....
- b) Ufite uburanga budasanzwe bamwita .....ya .....
- c) Umuntu ufite ipfa ridasanzwe .....amazi, iyo arabutswe icyo yifuza cyane.
- d) Ibisindisha babyita kandi amazi y'.....ay' .....cyangwa amazi.....
- e) Amazi y'.....ntagira umwanda .

## IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO

### 16. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo

(amanota 5)

- a) Amata make atera induru nk'atabaza, amazi akayunganira .
- b) Ibyo byose biryoshya cyane n'isukari nta ngorane.

### 17. Garagaza intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine.

(amanota 11)

- a) Ibinyobwa birimo n'amazi meza bimara inyota
- b) Ibyo kunywa bimwe biryoha bishyushye, ibindi bikundwa bikonje, bifutse.
- c) Abanywi b'imitobe ngo bahaga vuba, inzengero zikagurisha uducupa duke urwunguko rukagabanyuka
- d) Ubuki buvura indwara zinyuranye.

### 18. Andika inteko cyangwa ngenga ( ku nshinga) z'amagambo aciyeho Akarongo.

(amanota 6)

- Amadini amwe ajya inama yo kwinywera agatobe .
- Amavuta ni ikirungo kimenyerewe cya kera .
- Uyu muheha ufite inda nto, ndasoma amatama agahoberana.

### 19. Ubutinde bw'imigemo n'amasaku.

- a) **Tandukanya kandi wuzurishe amagambo yandikwa atyo ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku, ugabanya ibimenyetso.**

(amanota 7)

- Gufungura (kurya) ≠..... (urugi)
- Guhaga (umupira ) ≠..... (kwijuta)
- Imiryango (y'abantu) ≠ ..... ( y'inzu)
- Guhumura (by'umubavu) ≠..... (gutuma umuntu abona )
- Kuburira (kutaboneka ahantu) ≠..... (kumenyesha kugira inama)
- Kwarika (umugeni) ≠..... (kw'inyoni cg umutsima)
- Intango (ikibindi kinini) ≠..... (intangiriro )

- b) **Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso kuri iyi nteruro** (amanota 5)

Abinywera ibishyushye bamenyereye icyayi, ikawa, igikoma cy'amasaka n'icy'ibigori.

**IGICE CYA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI**

**20. Kosora aho ari ngombwa.**

- a) nta utaziko amazi nayo ari ikinyobwa cyingirakamaro. (amanota 2)
- b) kwisi, ikawa ikundwa hose, ikomoka muri etiyopiya I wacu murafurika (amanota 3)

**21. Amazina y'amezi atangizwa inyuguti nto cyangwa nkuru ?  
Tanga urugero rumwe.**

(amanota 2)

**IGICE CYA KANE : IHIMBAMWANDIKO. ( amanota 15)**

**Hitamo imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira uyiramburemo umwandiko muremure ufite imirongo 25 y'amagambo 6 nibura umwe umwe.**

22. Andika ku mazi dukoresha ku ishuri no mu rugo, werekana ibyiza bine uyakesha n'ibikubangamiye nka bibiri bifitanye isano na yo.
23. Umwana wonse bihagije, yacuka akabona amata, urusobe rw'ibikoma n'imitobe akura neza.
24. Urubyiruko rukwiye kugendera kure ibisindisha. Ereka ko bibangamiye ubuzima bwabo bwite, uburere n'umuco, ubukungu bw'igihugu kibatezeho byinshi, ejo hazaza habo n'ibindi.

**BLANK PAGE**